RESIDENCE DU RUANDA
TERRITOIRE DE RUHENGERI.

I BIKOMEYE CYANE

1207/AE.8

RUHENGERI
24270

Ku batware Bose,

Ndabaramutsa.

Ndababwira ko mugomba gusoma ibi bikurikira mubyitondeye, kandi mukabimenyesha ibisonga byanyu byose.

Kuby'imyaka uko imeze n'uko bikwiye kumera abatware n'ibisonga bose bakwiliye kubyitaho bakakulikiza amategeko bahawe mulibyo. Utazayakulikiza kubera ubunebwe, agasuzuguro, nibindi..... agomba kunyagwa ntambabazi agomba kugirirwa.

Dore ibyo bagomba gukurikiza igihe cyose bitonze.

1/ Abatware bagomba kugerageza ko, imyaka yavuzwe iliho aliko ikwiye kugurwa iboneka mwisoko, kandi lero bagomba no kugerageza kuzana irenze iyo bavuze.

2/ Kubera ibyo, ibisonga byose bifatanyije n'abatware, bazajya batambagira mungo z'abantu babo babone imyaka bafite. Hanyuma bagomba kwandika abafite imyaka y'ikirenga itabafitiye akamaro ( nukuvuga iyo bashobora kugura ntibicwe n'inzara cyanga ngo bazabure imbuto.) Bazajya bandika n'uko iyo myaka ingana, kugirango nshobore kumenya neza imyaka y'ikirenga izaba iriho kwitariki ya 30/9/1950.

Bwana Résident n'Umwami bategetse ko imyaka y'ikirenga igomba gutangwa, kandi nuko ibisonga bitazakora umulimo wabyo mur'ibyo, bigomba guhanwa bikomeye, cyanga bakabanyaga bidatinze.
Bagomba lero : kusura ingo z'abaturage, bakareba ibyo bafite n'ibyo bakwiliye kubona, n'ibyabatunga kugeza igihe cy'isarura ry'indi myaka ligeze. Hanyuma lero bazamenya ibyo bafite n'ibikwiliye kugurwa mw'isoko

Ndashaka kubona ibyo byose total ya buli chefferie na s/chefferie vuba
Murabyumva neza ngirango kouwo mulimo ukomeye kandi ko ugomba kwitonderwa, buli muntu n'ukwigendaho kuko aliwe ugomba kubihanirwa.

Ndabamenyesha kandi ko ndashaka kuzumva ibirego by'abantu bavuga ko ibisonga birenganya abantu mur'ibyo bigafata imyaka yose y'abantu banwe.
Kuli buri mugabo tuzajya tugenzurana ubutabera.

Imyaka yose y'ikirenga igomba gutangwa, kandi lero mugomba guhana umuntu wese uzimana ntampamvu imyaka y'ikirenga kujya mwisoko. muzajye mumuhanisha mu rukiko.

Mbiringiye mur'ibyo.

Ruhengeri, le 19 septembre 1950.
L'Administrateur de territoire, a.i.
M. POCHET,

[signature]